| | | |
|---|---|---|
| **AMABWIRIZA YA MINISITIRI N°20/003. YO KUWA 23 SEPT 2020 AGENGA AMAVURIRO Y'IGENGA MU RWANDA** | **MINISTERIAL INSTRUCTIONS N°20/003./OF 23 SEPT 2020...GOVERNING PRIVATE HEALTH FACILITIES IN RWANDA** | **INSTRUCTIONS MINISTERIELLES N°20/003.........../DU 23 SEPT 2020......... REGISSANT LES ETABLISSEMENT DE SANIES PRIVEES AU RWANDA** |
| **Minisitiri w'Ubuzima,** | **The Minister of Health,** | **Le Ministre de la Santé,** |
| Ashingiye ku Itegeko N° 10/98 ryo kuwa 28/10/1998 ryerekeranye n'Ubuhanga bwo Kuvura; | Pursuant to the Law N° 10/98 of 28/10/1998 establishing the practice of Art of Healing; | Vu la Loi N° 10/98 du 28/10/1998 portant exercice de l'Art de Guérir ; |
| Ashingiye ku Itegeko N° 25/2008 ryo kuwa 25/07/2008 rishyiraho Inama y'Igihugu y'Abaforomokazi, Abaforomo n'Ababyaza rikanagena imiterere, imikorere n'ububasha byayo; | Pursuant to the Law N°25/2008 of 25/07/2008 Establishing the National Council of Nurses and Midwives and determining its organization, functioning and competence; | Vu la Loi N° 25/2008 du 25/07/2008 portant création du Conseil national des infirmiers (ères) et des sages-femmes et fixant son organisation, fonctionnement et compétence ; |
| Ashingiye ku Itegeko N° 45/2012 ryo kuwa 14/01/2013 rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urugaga rw'Abahanga mu by'Imiti, | Pursuant to the Law N° 45/2012 of 14/01/2013 determining organisation, functioning and competence of the Council of Pharmacists; | Vu la Loi N° 45/2012 du 14/01/2013 déterminant l'organisation, le fonctionnement et les compétences de l'Ordre des Pharmaciens. |
| Ashingiye ku Itegeko N° 46/2012 ryo kuwa 14/01/2013 rishyiraho Urugaga Nyarwanda rw'abakora imirimo ishamikiye ku buvuzi kandi rikagena imiterere, imikorere n'ububasha byarwo; | Pursuant to the Law N° 46/2012 of 14/01/2013 establishing the Rwanda Allied Health Professions Council and determining its organisation, functioning and competence; | Vu la Loi N° 46/2012 du 14/01/2013 portant création de l'Ordre Rwandais des Professions Paramédicales et déterminant son organisation, son Fonctionnement et ses compétences ; |
| Ashingiye ku Itegeko N° 44/2012 of 14/01/2013 rigena Imiterere, imitunganyirize n'ububasha by'Urugaga rw'Abaganga hamwe n'Abaganga b'Amenyo; | Pursuant to the Law N° 44/2012 of 14/01/2013 on the organisation, functioning and competence of the Medical and Dental Council; | Vu la Loi N° 44/2012 du 14/01/2013 portant sur l'organisation, le fonctionnement et la compétence de l'ordre des médecins et dentistes ; |

| | | |
|---|---|---|
| Dushingiye ku Itegeko N° 22/19 ryo kuwa 29/07/2019 rigenga Umujyi wa Kigali; | Pursuant to the Law N° 22/19 of 29/07/2019 Governing the City of Kigali; | Vu la Loi N° 22/19 du 29/07/2019 régissant la ville de Kigali ; |
| Ashingiye ku Itegeko N° 08/2006 ryo ku wa 24/02/2006 rigena Imiterere, Imitunganyirize n'Imikorere y'Akarere; | Pursuant to the Law N° 08/2006 of 24/02/2006 determining the organization and functioning of the District; | Vu la Loi N° 08/2006 du 24/02/2006 portant sur l'organisation et le fonctionnement du District ; |
| Asubiye mu mabwiriza ya Minisitiri N° 20/0005 yo kuwa 06/12/2019 agenga Amavuriro yigenga mu Rwanda. | Revised Ministerial Instructions N° 20/0005 of 06/12/2019 governing Private Health Facilities in Rwanda; | Revu les Instructions Ministérielles N° 20/005 du 06/12/2019 régissant les établissements Sanitaires privés au Rwanda ; |
| **ASHYIZEHO AMABWIRIZA AKURIKIRA:** | **INSTRUCTS AS FOLLOWS:** | **DONNE LES INSTRUCTIONS SUIVANTES :** |
| **UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE** | **CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** | **CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES** |
| **Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije** | **Article one: Purpose of the Instructions** | **Article premier : Objet des instructions** |
| Aya mabwiriza agamije kunoza serivisi z'ubuvuzi zitangwa n'amavuriro yigenga ndetse n'ibindi bigo byunganira ubuvuzi ku baturarwanda, akanateganya ibyangombwa bisabwa uwifuza gutangiza ivuriro ryigenga. | These instructions are intended to improve the quality of health care services provided in private health facilities to the Rwandan population and to determine the basic requirements for the operation of a private health facility. | Ces instructions visent à améliorer la qualité des services de soins de santé dispensés dans les établissements de santé privés à la population Rwandaise et à déterminer les exigences de base pour l'exploitation d'un établissement de santé privé. |
| Aya mabwiriza ntagenga ubuvuzi gakondo, ubwuzuzanya n'ububangikanywa n'ubusanzwe. | These instructions do not regulate traditional, alternative and complementary medicine. | Ces instructions ne régissent pas la médecine traditionnelle, alternative et complémentaire. |

| Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo | Article 2: Definition of key terms | Article 2 : Définition des termes clés |
|---|---|---|
| 1. **Igenamigambi ry'imikorere**: Inyandiko igaragaza impamvu/ intego, ingano y'ibikorwa,igenzura ry'isoko,agaciro k'igishoro,uburyo ivuriro rizakura hamwe n'isuzuma ry'imari by'agaciro k'igishoro n'inyungu; | **1. Business Plan:** a written document stating the purpose, scope of services, an analysis of the market, the amount of investment, the projected growth of the business and a financial analysis of the expected expenses and revenue; | **1. Business Plan :** un document écrit indiquant l'objet, champ d'application de services, l'analyse du marché, le montant de l'investissement, la croissance prévue pour l'entreprise et une analyse financière des dépenses et des recettes escomptées ; |
| 2. **Umukozi wa Minisiteri y'Ubuzima:** bivuze umukozi wese uhembwa umushahara wa buri kwezi na Minisiteri y'Ubuzima, cyangwa ikigo gishamikiye kuri iyo Minisiteri; | **2. An employee of the Ministry of Health:** a person whose monthly salary is paid by the Ministry of Health or its affiliated institution(s); | **2. Un employé du Ministère de la Santé :** signifie une personne ayant un salaire mensuel payé par le Ministère de la Santé ou son institution affiliée (s) ; |
| 3. **Umukozi wo mu buvuzi wabigize umwuga**: umuganga, umuganga w'amenyo, umuhanga mu by'imiti, umuforomo n'umubyaza n'undi wese ukora umwuga ujyanye n'ubuvuzi ubifitiye impamyabumenyi kandi wemewe na Leta; | **3. Health professional**: a state-authorized doctor, dentist, pharmacist, nurse, midwife or any other person having a required degree engaged in the practice of a paramedical profession; | **3. Professionnel de santé** : un médecin, un dentiste, un pharmacien, un infirmier, une sage-femme ou toute autre personne muni d'un diplôme requis et agréé par l'Etat exerçant une profession paramédicale ; |
| 4. **Uruhushya:** Icyemezo cyo gushinga ivuriro ryigenga ;mu gihe cyagenwe. | **4. License:** A written authorization to operate a private health facility for a specific period. | **4. License d'exploitation :** une autorisation écrite d'exploiter un établissement de santé privé pour une période déterminée. |
| 5. **Minisitiri** : Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze; | **5. Minister:** The Minister having health in his or her attribution; | **5. Ministre :** Ministre ayant la santé dans ses attributions ; |
| 6. **Minisiteri**: Minisiteri ifite ubuzima mu nshingano zayo; | **6. Ministry:** The Ministry having health in its attribution; | **6. Ministère :** Ministère ayant la santé dans ses attributions ; |

| | | |
|---|---|---|
| 7. **Ikigo cyigenga gitangirwamo ibikorwa by'ubuvuzi :** ikigo cyemerewe gusuzuma, kurinda no kuvura indwara ; | 7. **Private health facility:** A private facility authorised to diagnose, treat, cure and rehabilitate people with injury or diseases. | 7. **Un établissement de santé privé :** Un établissement privé autorisé à diagnostiquer, traiter, guérir, réhabiliter les personnes atteintes de blessures ou de maladies. |
| 8. **Uruhushya rw'agateganyo**: Uruhushya rwo kubaka, kuvugurura, kugura ibikoresho no gushaka abakozi mbere y'igenzura. Uru ruhushya rumara igihe kingana n'imyaka ibiri, usibye uwubaka uhabwa icyangombwa gishingiye ku gishushanyo cy'inyubako. | 8. **Provisional Authorization:** Permission to construct, renovate, purchase equipment and supplies, and recruit staff prior to a licensure inspection. This provisional authorization is granted for a period of one year for all healthcare facilities except for new Facility construction, whose permit will be based on the construction plan; | 8. **Autorisation Provisoire :** L'autorisation de construire, rénover, rassembler le matériel et fournitures, recruter le personnel avant l'inspection. Cette autorisation provisoire est accordée pour une période d'une année pour tous les établissements de santé, sauf pour une nouvelle construction où sa durée sera basée sur son plan de construction. |
| **<u>Ingingo ya 3 :</u> Ibyiciro by'ibigo by'ubuvuzi byigenga** | **<u>Article 3:</u> Categories of private health facilities** | **<u>Article 3 :</u> Catégories des établissements de santé privés** |
| Ibigo bitangirwamo ibikorwa by'ubuvuzi bigizwe n'ibyiciro bitandukanye harimo:<br>i. Kilinike,<br>ii. Kilinike zitanga serivise zihariye<br>iii. Disipanseri,<br>iv. Polikilinike,<br>v. Ibitaro,<br>vi. Ibitaro bitanga serivise zihariye<br>vii. Iho bapimira indwara, | Private health facilities are categorized as follows:<br>i. Clinic;<br>ii. Specialized clinic;<br>iii. Dispensary;<br>iv. Polyclinic;<br>v. Hospital;<br>vi. Specialized Hospital;<br>vii. Diagnostic center. | Les établissements de santé sont composés de :<br>i. Clinique,<br>ii. Clinique Spécialisée<br>iii. Dispensaire,<br>iv. Polyclinique,<br>v. Hôpital,<br>vi. Hôpital spécialisé<br>vii. Centre de Diagnostic, |
| Urundi rwego rwose rw'ivuriro ryigenga ryemerewe gukora. | Any other category of private health facility licensed to practice. | Toute autre catégorie d'établissements de santé autorisée à pratiquer. |

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA II: IBISABWA MU GUFUNGURA IVURIRO RYIGENGA.** | **CHAPTER II: REQUIREMENTS FOR AN AUTHORISATION TO OPEN A PRIVATE HEALTH FACILITY.** | **CHAPITRE II : CONDITIONS REQUISES POUR AVOIR UNE AUTORISATION D'OUVRIR UN ETABLISSEMENT DE SANTE PRIVEE.** |
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Ibyo usaba gufungura ivuriro ryigenga cyangwa ikigo cyunganira ibikorwa by'ubuvuzi agomba kuba yujuje kugirango ahabwe icyemezo cy'agateganyo.** | **<u>Article 4:</u> Requirements for a Provisional authorisation to open a private health facility.** | **<u>Article 4</u>: Conditions requises pour avoir une autorisation provisoire d'ouvrir un établissement de santé privé.** |
| Usaba agomba kuba yujuje ibi bikurikira: | The applicant must fulfill the following requirements: | Le demandeur doit remplir les conditions suivantes : |
| **1.** Ibaruwa isaba gufungura ivuriro cyangwa ikigo cyunganira ubuvuzi yandikiwe Minisitiri, inyujijwe ku Muyobozi w'Akarere aherereyemo; | 1. A letter addressed to the Ministry requesting approval to operate a private health facility. The letter must contain approval from the Mayor of the District where it will be located; | 1. Une lettre de demande d'exploitation d'un établissement de santé privé adressée au Ministre par l'intermédiaire du Maire de District dans lequel il sera localisé ; |
| 2. Kopi y'uruhushya rwo kugira ikigo cyigenga cy'ubucuruzi gitangwa n' Ikigo cy'Igihugu cy'Iterambere (RDB) | 2. A copy of certificate of domestic company registration issued by Rwandan Development Board; | 2. Une copie du certificat d'enregistrement d'une compagnie délivrée par Rwanda Développement Board; |
| 3. Umwirondoro w'usaba gufungura ivuriro; | 3. A detailed Curriculum Vitae for the responsible of clinical activities | 3. Un curriculum vitae détaillé du responsable des activités cliniques de l'établissement |
| 4. Impamyabushobozi igaragaza ko usaba afite nibura imyaka itatu y'uburambe akorera mu ivuriro ry'igenga cyangwa irya Leta mu ishami ry'ubuvuzi, usibye inzobere mu mirire hamwe n'inzobere mu kwita kubafite ibibazo byo mu mutwe; | 4. Employment certificate for the responsible of clinical activities stating that the person has, at least, three years of experience working in a public or private health care facility in clinical area, except for Nutritionist, Dietetics and clinical | 4. Attestation de service rendu du responsable des activités cliniques de l'établissement attestant que la personne a une expérience d'au moins trois ans dans un établissement de soins de santé public ou privé dans le domaine clinique, excepté le Nutritionniste, |

| | | |
|---|---|---|
| | Psychologist where experience is not required; | diététicien et le psychologue clinicien ou cette expérience n'est pas exigée ; |
| 5. Kopi y'impamyabushobozi ifite umukono wa noteri; y'uhagarariye igikorwa cy'ubuvuzi | 5. Certified copy of the academic Diploma; for the responsible of clinical activities | 5. Copie notariée du diplôme universitaire du responsable des activités cliniques de l'établissement ; |
| **6.** Icyemezo cy'uhagarariye igikorwa cy'ubuvuzi cyerekana ko yanditse ku urutonde rw'urugaga abarizwamo hamwe n'icyemezo kimwemerera gukora kitarata igihe, | 6. Certificate of registration and valid licence to practice delivered by the Health Professions Council where the responsible of clinical activities belongs; | 6. Certificat d'enregistrement et autorisation de pratiquer délivré par l'ordre professionnel auquel le responsable des activités cliniques de l'établissement appartient ; |
| 7. Kumenya ko uhagaririye igikorwa cy'ubuvuzi atagomba gukora mu rindi vuriro; | 7. Ensure that the responsible of clinical activities is not currently an employee in any health facility; | 7. S'assurer que le responsable des activités cliniques n'est pas engagé dans un autre établissement de santé ; |
| 8. Umuforomo cyangwa umubyaza, usaba gufungura ivuriro agomba kuba aite impamyabushobozi nibura yo mu rwego rwa A1; | 8. A nurse or midwife who applies to operate a private health facility must hold at least an advanced diploma or its equivalent; | 8. Une infirmière, une sage-femme qui demande d'exploiter un établissement de santé privé doit détenir au moins un diplôme de niveau A1 ou son équivalent, |
| 9. Impuguke z'abakora imirimo ishamikiye ku buvuzi wifuza gufungura ivuriro agomba kuba afite impamyabushobozi yo mu rwego rwa (A0); | 9. An allied health professional who applies to operate a private health facility must hold at least a bachelor's degree; | 9. Un professionnel paramédical qui demande à ouvrir un établissement de santé privé doit être au moins détenteur d'un diplôme de licence (A0) ; |
| 10. Umushoramari, utari umukozi wo mu buvuzi wabigize umwuga usaba gufungura ivuriro, cyangwa ikigo cyunganira ubuvuzi, agomba kuba afite umukozi wo mubuvuzi ubifitiye impamyabushobozi ijyanye n'ubushobozi bwo kuyobora ibikorwa by'ubuvuzi bw'iryo vuriro, cyangwa ikindi kigo cyunganira ubuvuzi. | 10. An investor who is not a health professional and who intends to apply for a license to operate a private health facility must hire a health professional who has the technical skills required to manage the facility. The name of the owner and the name of the technician responsible must | 10. Un investisseur qui n'est pas un professionnel de santé et qui demande une licence pour exploiter un établissement de santé privé doit engager un professionnel de santé qui possède les qualifications techniques requises pour gérer l'établissement. Le propriétaire de |

| | | |
|---|---|---|
| Amazina y'uwasabye na y'uwo mukozi agomba kugaragara ku cyemezo, | appear on the license, | l'établissement de santé doit demander la licence en son nom et le nom du professionnel de santé responsable doit être mentionnés sur la licence d'exploitation, |
| 11. Mu gihe uwo mukozi uvugwa mu gika cya 10 cy'iyi ngingo atakiri muri uwo mwanya, nyiri ivuriro cyangwa ikigo cyunganira ubuvuzi amenyesha Minisitiri. Mu gihe umukozi atakibarizwa ku murimo kuri wa mwanya, Mu gihe nta mukozi mushya wabonetse nta n'uruhushya rwatanzwe mu minsi cumi n'itanu (15) uhereye umunsi umukozi atakiri ku murimo kuri wa mwanya, ivuriro rigomba kuba rifunze; | 11. In case the Health Professional mentioned under section 10 of this Article is no longer in that position, the owner of the facility shall inform the Ministry. A new health professional must be hired and a new license issued within 15 days. After this timeline the health facility must be closed. | 11. Dans le cas où le professionnel de santé mentionné a la section 10 du présent article n'est plus dans cette position, le propriétaire de l'établissement doit informer le Ministre. Un nouveau professionnel de santé doit être recruter et une nouvelle License doit être délivrée dans le 15 jours suivants. Au-delà de ce délais l'établissement doit être fermé. |
| 12. Usaba icyemezo cyo gufungura ivuriro, cyangwa ikindi kigo cyunganira ubuvuzi afite ubwenegihugu bwa kimwe mu bihugu bigize Umuryango w'Ibihungu by'Afurika y'Uburasirazuba agomba gutanga ibyangombwa nk'ibisabwa umunyarwanda. | 12. An applicant who is a citizen from one member states of the East African Community who apply for a Licence to operate shall present the same requirements as those required for a Rwandan citizen. | 12. Un demandeur citoyen ressortissant d'un pays membres de la Communauté de l'Afrique de l'Est demandant à exploiter un établissement de santé privé doit satisfaire aux mêmes exigences que celles requises pour un citoyen Rwandais. |
| **<u>Ingingo ya 5:</u> Ibigize dosiye yo gusaba icyemezo cyo gufungura ivuriro cyangwa ikigo cyunganira ubuvuzi byigenga** | **<u>Article 5</u>: Requirements for a License to open and operate a private health facility.** | **<u>Article 5</u> : Les composantes des dossiers de demande d'autorisation d'ouverture d'un établissement de santé privé** |
| Umuntu wese cyangwa se ikigo wahawe icyemezo cy'agateganyo kandi utegereje gufungura ivuriro, wujuje ibivugwa mu ngingo ya 4 y'aya mabwiriza agomba kugaragaza ibi bikurikira: | Any person or institution that meet the requirement set out in article 4 who obtains a Provisional Authorization and is ready to provide services must apply for a licence to operate after meeting the following requirements: | Toute personne ou institution qui répond aux exigences prévues à l'article 4 de ces instructions, qui demande une licence d'exploiter un établissement de santé privé, doit également remplir les conditions suivantes : |

| | | |
|---|---|---|
| 1. Inzu cyangwa inyubako ikorerwamo igomba kuba yujuje ibyangombwa bisabwa na amategeko n'ibipimo byo ku rwego rw'igihugu byerekeye ivuriro ryigenga, ingano n'ubwoko bw'ibikoresho bisabwa mu bijyanye na serivisi zihatangirwa. Kuba afite ibikoresho byose bisabwa kugirango ubuvuzi bw'ibanze butangirwe muri iryo vuriro; | 1. The building or premises must conform to the national norms and standards for a private health facility, the quantity and type of equipment required for the services to be provided. Have all the equipment and supplies needed to provide the basic health packages for the type of health facility; | 1. Le bâtiment ou locaux doivent être conformes aux normes et standards nationaux pour un établissement de santé privé, la quantité et le type d'équipement requis pour les services à fournir. Avoir tout le matériel et les fournitures nécessaires pour fournir le paquet de services de santé de base pour le type d'établissement de santé ; |
| 2. Kugaragaza raporo y'isuzuma yakozwe n'ikipe Igizwe n'ushinzwe ibikorwa by'ubuzima mu Karere, umuyobozi w'ibitaro by'Akarere, umukozi wize ibijyanye n'ivuriro asaba gufungura, umukozi ushinzwe gukurikirana ibikorwa by'ubuzima mu karere n'umutekinisiye mu bijyanye na laboratwari igihe biri ngombwa; iyo raporo yemezwa na Minisiteri; | 2. Present an inspection report compiled by the team composed of the Director of Health Unit, Director of Hospitals in the District, and other health professionals duly qualified in the health practice of the applicant, and the person in charge of monitoring and evaluation in the District and an expert in laboratory practices when appropriated. The report must be verified and approved by the Ministry; | 2. Présenter un rapport d'inspection effectué par l'équipe composée du Directeur de l'unité santé du district, du Directeur de l'hôpital de district, d'un technicien dans la profession demandée et le chargé de suivi-évaluation, et un expert en laboratoire lorsqu'il est approprié ; le dit rapport sera approuvé par le Ministère ; |
| 3. Kuzuza inyandiko yemeza ko azajya atanga raporo y'ibikorwa by'ubuzima nkuko bisabwa, muri Minisiteri; | 3. A signed form confirming the compliance with the requirements to report health data required by the Ministry on a regular basis; | 3. S'engager par écrit à se conformer aux exigences du Ministère de rapporter leurs données des activités de santé régulièrement ; |
| 4. Icyemezo kigaragaza ko nta rindi vuriro akorera cy'umukoresha wa nyuma; | 4. Employment certificate showing that the applicant is not an employee of any health facility; | 4. Une attestation de service rendu du dernier employeur ; |
| 5. Kopi y'impamyabushobozi ifite umukono wa noteri; y'uhagarariye igikorwa cy'ubuvuzi | 5. A copy of certificate of domestic company registration issued by Rwandan Development Board | 5. Une copie du certificat d'enregistrement d'une compagnie délivrée par Rwanda Développement Board ; |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 6: Itangwa ry'icyemezo cyo gufungura ivuriro cyangwa ikigo cyunganira ubuvuzi.**<br><br>Usaba gufungura, hamaze gukorwa igenzura ry'akarere gafatanyije na Minisiteri, dosiye isaba yujuje neza irimo ibyangombwa bisabwa, Minisiteri isubiza usaba icyemezo mu minsi itarenze irindwi (7) y'akazi, | **Article 6: Timeframe for the receipt of the Licence**<br><br>An applicant who have been inspected by all relevant authorities, met all requirements and have submitted all documents required by the Ministry will receive their licence within a period of not more than seven (7) working days, | **Article 6 : Période d'octroi de la licence d'exploitation.**<br><br>Le demandeur qui a été inspecté par les autorités compétentes, a satisfait à toutes les exigences et a soumis tous les documents requis par le Ministère recevra sa licence dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours ouvrables. |
| **Ingingo ya 7: Uburyo bwo kujuririra icyemezo cyafashwe**<br><br>Usaba icyangombwa afite uburenganzira bwo kujuririra icyemezo kimuhakanira gufungura ivuriro. Urwandiko rw'ubujurire rwandikirwa Minisitiri mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) guhera itariki icyemezo cyafatiwe.<br>Ubujurire bugizwe n'ibi bikurikira:<br><br>1. Urwandiko rwandikirwa Minisitiri agaragaza impamvu zashingiweho mu kujurira;<br>2. Inyandiko ziherekeza ubujurire;<br>3. Icyemezo kigaragaza ko ujurira yahakaniwe uruhushya rwo gufungura ivuriro.<br><br>Minisiteri isuzuma kandi igasubiza, ubwo bujurire mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15). | **Article 7: Appeal procedure.**<br><br>An applicant has a right to appeal a decision taken by the Ministry of Health denying a Provisional Authorization or a licence. The appeal must be brought to the attention of the Minister within a period of thirty (30) calendar days after the initial decision is taken.<br>The appeal shall constitute the following documents, among others:<br><br>1. A letter addressed to the Minister, stating clearly the grounds for appeal;<br>1. Supporting documents for the appeal;<br>2. Proof that the appellant was denied the license.<br><br>The Ministry shall review and respond to the appeal within fourteen (15) calendar days after the appeal is lodged. | **Article 7 : Procédure d'appel.**<br><br>Le demandeur a le droit de recours de la décision prise par le Ministère ayant rejeté la demande d'autorisation provisoire ou la licence. L'appel est porté à l'attention du Ministre dans un délai de trente (30) jours Calendrier après la décision initiale.<br>Le recours doit être constitué entre autres des documents suivant :<br><br>1. Une lettre adressée au Ministre indiquant clairement les motifs d'appel,<br>2. Les documents appuyant son appel,<br>3. La preuve attestant que la licence lui a été refusée.<br><br>Le Ministère doit examiner et répondre à l'appel dans les quinze (15) jours calendrier après que la lettre d'appel ait été reçue. |

| | | |
|---|---|---|
| Mu gihe ujurira atishimiye icyemezo yahawe na Minisitiri afite uburenganzira bwo kuregera inkiko zibifitiye ububasha. | In case the applicant is dissatisfied with the decision provided by the Ministry, the applicant has a right to institute a claim before competent courts. | En cas d'insatisfaction concernant la décision prise par le Ministre, l'appelant a le droit d'intenter une action devant les juridictions compétentes. |
| **<u>Ingingo ya 8:</u> Kwimura aho ivuriro cyangwa ikigo cyunganira ubuvuzi gikorera** | **<u>Article 8:</u> Change of the premises of a private health facility.** | **<u>Article 8</u> : Changement des locaux d'un établissement de santé privé.** |
| Usaba kwimura ivuriro cyangwa ikigo cyunganira ubuvuzi yandikira Minisitiri ibaruwa ibisaba, abinyujije ku Muyobozi w'Akarere ashaka kuryimuriramo. | The owner of a private health facility requesting a change of premises must write to the Minister through the Mayor of the District where the new premises are to be located. | Le demandeur sollicitant le changement des locaux d'un établissement de santé privé doit écrire au Ministre de la Santé avec un sous couvert du Maire du district où il veut l'installer. |
| Iyo baruwa iherekezwa na raporo y'igenzura yakozwe n' ikipe y'igenzura mu karere yavuzwe haruguru mu ingingo ya 5, kandi yemejwe na Minisiteri y 'Ubuzima na kopi y'umwimerere y'icyemezo yarasanganywe. | He/she must attach an inspection report compiled by the team from district authorities as mentioned above in the article 5 and approved by the Ministry as well as the original copy of the current licence. | Il/elle doit y joindre un rapport d'inspection établi par l'équipe du district mentionné ci-dessus dans l'article 5 et approuvé par le Ministère ainsi que l'original de la licence d'exploitation. |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Imiti y'ibanze** | **<u>Article 9:</u> Emergency medicines** | **<u>Article 9</u> : Médicaments d'urgence** |
| Ivuriro cyangwa ikigo cyunganira ubuvuzi cyemerewe gutanga imiti y'ibanze hakurikijwe urutonde rwemezwa kandi rugatangwa na Minisiteri y'Ubuzima. | Each private health institution is allowed to have emergency drugs whose list is approved and published by the Ministry of Health. | Chaque établissement de santé privé est autorisé à posséder des médicaments d'urgence dont la liste est approuvée et publiée par le Ministère de la santé. |
| **<u>Ingingo 10</u>: Gutanga indorerwamo zo kwa muganga** | **<u>Article 10</u>: Prescription of medical Eyeglasses** | **<u>Article 10</u> : Prescription de lunettes médicales** |
| **1. Uvura akanakora indorerwamo zo kwa muganga (optometrist)** | **1. Clinical Optometrist**<br><br>Only a clinical optometrist having academic | **1. Clinique d'optométrie**<br><br>Seul un optométriste ayant un diplôme |

| | | |
|---|---|---|
| Ufite impamyabushobozi yo mu rwego rwa A0 niwe wenyine wemerewe gupima amaso no gukora indorerwamo zo kwa muganga akanazigurisha.<br><br>**2. Umuganga w'amaso w'inzobere (ophthalmologist)**<br><br>Umuganga w'amaso w'inzobere ufite ibikoresho byuzuye yandikira umurwayi indorerwamo zo kwa muganga akanavura indwara zose z'amaso ariko ntiyemerewe gucuruza indorerwamo, Ariko yemerewe kugurisha indorerwamo mwi ivuriro rivura irwara z'amaso gusa, | qualification of at least A0 is allowed to prescribe and sell medical eyeglasses or contact lenses.<br><br>**2. Ophthalmologist physician (eye specialist)**<br><br>An ophthalmologist physician possessing all the equipment is allowed to prescribe medical eyeglasses and treat all eye related diseases but not to sell eyeglasses. However, he/she is allowed to sell eyeglasses in a specialized eye clinic | universitaire de niveau A0 est autorisé à prescrire et vendre des lunettes médicales ou des lentilles de corrections.<br><br>2. **Un Médecin ophtalmologiste**<br><br>Un Médecin ophtalmologiste possédant tous les équipements est autorisé à prescrire des lunettes médicales et à traiter toutes les maladies oculaires mais n'est pas autorisé à vendre des lunettes, Néanmoins, il/elle autorisé à vendre des lunettes dans une clinique spécialisée en ophtalmologie. |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Igihe icyemezo kimara.**<br><br>Icyemezo cyo gufungura ivuriro gihindurwa nyuma y'imyaka ibiri (2).<br><br>1. Amavuriro yigenga afite icyemezo agomba kwubahiriza ibisabwa bikubiye mu cyemezo mu gihe cyagenwe. Minisiteri y'Ubuzima ifite uburenganzira bwo gukora igenzura ritunguranye hagamijwe kureba ko hubahirizwa ibiteganyijwe mu cyemezo ivuriro rifite;<br><br>2. Ivuriro ryigenga rigomba gushyira icyemezo cyaryo ahagaragarira amaso ya bose; | **<u>Article 11</u>: Validity of the License.**<br><br>The validity of the license is two (2) years at which point it must be renewed.<br><br>1. Private health facilities that are licensed must maintain all standards for design, staff, equipment, and operating procedures for the length of the licence period. The Ministry has the right to make periodic, unannounced visits to the facility to ensure compliance with all licensure requirements;<br><br>2. Private Healthcare facilities must display their license to the public at the entrance of the facility; | **<u>Article 11</u>: Validité de la licence.**<br><br>La validité de la licence est de deux ans (2). Après cette période elle doit être renouvelée.<br><br>1. Les établissements de santé privés qui sont autorisés doivent maintenir tous les standards pour les infrastructures, le personnel, l'équipement, et les procédures d'exploitation pour la durée de la période de la licence. Le Ministère a le droit de faire des inspections périodiques et surprises dans l'établissement pour assurer la conformité avec toutes les exigences d'homologation ;<br>2. Les établissements de santé privés doivent afficher leur licence au public à l'entrée de l'établissement ; |

| | | |
|---|---|---|
| 3. Ushaka kuvugurura icyemezo agomba kwandika mbere y'uko icyo asanganywe kirangira nibura amezi atandatu (3) agakurikiza kandi amabwiriza agenga usaba uruhushya ari ku rubuga rwa Minisiteri. | 3. An applicant for renewal of a license must apply for a new licensure six (3) months prior to the expiration of the present licence according to the procedure for renewal of the licence found on the Ministry website. | 3. Le demandeur de renouvellement d'une licence doit demander une nouvelle licence dans les six (3) mois avant la date d'expiration de la licence conformément à la procédure de renouvellement se trouvant sur le site internet du Ministère. |
| **UMUTWE WA III: AMAKOSA N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI** | **CHAPTER III: FAULTS AND ADMINISTRATIVE SANCTIONS** | **CHAPITRE III : FAUTES ET SANCTIONS ADMINISTRATIVES** |
| **<u>Icyiciro cya mbere:</u> Amakosa yo mu rwego rw'ubutegetsi** | **<u>Sections one</u>: Administrative faults** | **<u>Sections première</u> : Fautes Administratives** |
| **<u>Article 12:</u> Ibikorwa bibujijwe** | **<u>Article 12:</u> Prohibited practices** | **<u>Article 12</u> : Pratiques interdites** |
| Ibikorwa bikurikira birabujijwe: | The following practices are prohibited: | Les pratiques suivantes sont interdites : |
| 1. Gukora utarabona icyemezo gitangwa na Minisitiri kikwemerera gukora ibikorwa by'ubuvuzi; | 1. To operate without a license issued by the Minister; | 1. Exploiter sans autorisation délivré par le Ministre ; |
| 2. Gucumbikira umurwayi mu gihe kirenga amasaha cumi n'abiri (12h) ku ivuriro riri ku rwego rwa dispanseri na cabinet Medical. Mu gihe umurwayi akeneye ubuvuzi bwisumbuye agomba koherezwa mu ivuriro ryemerewe gucumbikira abarwayi; | 2. To keep a patient for treatment or observation for more than twelve (12) hours for a dispensary and cabinet. If the patient requires further treatment or observation, the patient must be transferred to a health facility allowed to hospitalize; | 2. Hospitaliser un patient pendant une période de plus de douze (12) heures dans un dispensaire et cabinet Médical. Si le patient a besoin d'un autre traitement ou d'observation, il doit être transféré dans un établissement de santé autorisé à hospitaliser ; |
| 3. Umukozi wa Minisiteri cyangwa ikigo kiyishamikiyeho ntabwo yemerewe gutunga cyangwa gucunga ivuriro ryigenga ndetse n'ikigo cyunganira ubuvuzi. Mu gihe nyiri ivuriro ryigenga cyangwa umunyamigabane mu ivuriro | 3. Employee of the Ministry or affiliated agency is not allowed to own, manage or provide services, at a private health facility. If an owner or shareholder of a | 3. Un employé du Ministère ou une institution affiliée n'est pas autorisé à gérer ou exploiter un établissement de santé privé, Cependant, quand un propriétaire ou actionnaire d'un établissement de santé privé se joint à une |

| | | |
|---|---|---|
| ryigenga ahawe undi murimo muri Leta, ntagomba kongera gukorera imirimo muri iryo vuriro mu buryo bwo kwirinda igongana ry'inyungu. | private health facility joins a public institution, he/she must not provide any services for the private health facility. He or she must also avoid any activity that puts him/her in a situation of a conflict of interest with the two facilities. | institution publique, il/elle ne doit pas prester dans l'établissement de santé privé. Il/elle doit aussi éviter toute activité qui le met dans une situation de conflit d'intérêts ; |
| 4. Gufungura ivuriro ryigenga hamwe na farumasi, keretse iyo Farumasi iherereye mu kandi Karere kandi ikaba ifite undi muhanga mu by'imiti ubifitiye impamyabumenyi; | 4. To own or operate a private health facility and a pharmacy unless it is in another administrative district and the owner hires a pharmacist to manage the pharmacy. | 4. Posséder ou exploiter un établissement de santé privé et une pharmacie privée sauf si elle est dans un autre district administratif et le propriétaire engage un pharmacien pour gérer la pharmacie. |
| 5. kwongera serivisi z'ubuvuzi nshya utabiherewe ububasha na Minisiteri; | **5.** To open a new service without the authorization from the Ministry; | **5.** Ouvrir un nouveau service sans l'autorisation du Ministère de la santé, |
| 6. Gutanga serivisi z'ubuvuzi mu buryo bw'akagambane n'undi muntu cyangwa n'abandi bantu bagambiriye kubeshya umurwayi ku byerekeranye n'ubuzima bwe; | 6. To Provide services in collusion with another practitioner or a third party with intention to deceive a patient on the status of his or her health. | 6. Collaborer avec un autre praticien ou avec une tierce personne avec l'intention de tromper un patient sur son état de santé. |
| 7. Gukorera umwuga wo kuvura, imirimo yo gusuzuma abarwayi no kubandikira imiti mu nyubako zigurishirizwamo imiti, ibikoresho n'ibindi byifashishwa mu kuvura; | 7. To carry out consultation and medical prescription activities within pharmacy or in premises where medical devices and appliances are sold. | 7. Effectuer des activités de consultation et de prescription médicale dans une pharmacie ou des locaux où des dispositifs et des appareils médicaux sont vendus. |
| 8. Ukora umwuga wo kuvura ukorana n'umuntu mu gukora igikorwa kitemewe n'amategeko cyangwa igikorwa kinyuranyije n'imyitwarire y'umwuga wo kuvura cyangwa ukingira ikibaba udafite ubushobozi bwo gukora umwuga wo kuvura agamije ko adahanwa; | **8.** To collaborate with an employee in carrying out an illegal act or unethical practice of health profession or who exempts the employee in the practice of the health profession with intention to escape punishment. | 8. Collaborer avec un employé dans l'exercice d'un acte illégal ou d'une pratique contraire à l'éthique de la profession de santé ou qui exempte l'employé dans la pratique de la profession de santé avec l'intention d'échapper à la sanction. |

| | | |
|---|---|---|
| 9. Gukora ibirenze ibyo Ikigo cyemerewe; | 9. To operate beyond the scope of its activities; | 9. Opérer au-delà du champ d'activités |
| 10. Gukoresha ukora umwuga wo kuvura adafite uruhushya rwo gukora umwuga wo kuvura; | **10.** To Employ a health professional who does not have a licence to practice the health professions; | 10. Employer un professionnel de santé qui n'a pas de licence d'exercer la profession de santé |
| 11. Gukora umwuga wo kuvura nta ruhushya rwo gukora; | **11.** To Practice a health profession without a license to practice; | 11. Exercer une profession de santé sans licence de pratiquer |
| 12. kwimuka nta ruhushya rutanzwe na Minisiteri y'Ubuzima. | 12. To relocate without the authorization from Ministry of Health. | 12. Déménager sans l'autorisation du Ministère de la Santé |
| 13. Gukoresha uburiganya ugamije kwiba ibigo bifite ubwishingizi bw'Indwara mu Nshingano | 13. To use fraudulent acts aiming at illegal benefits from institutions having insurance in its attributions | 13. Pratiquer des actes frauduleux envisageant à se procurer les avantages illégaux auprès des institutions ayant les assurances maladie dans leurs attributions |
| **<u>Icyiciro cya 2:</u> Ibihano.** | **<u>Sections 2:</u> Sanctions** | **<u>Sections 2 :</u> Sanctions** |
| **<u>Ingingo 13:</u> Gukora nta ruhushya** | **<u>Article 13</u>: Practicing without a licence** | **<u>Article 13</u> : Opérer sans licence** |
| Ikigo cy'ubuvuzi gikora nta ruhushya gihawe na Minisiteri y'Ubuzima kirafungwa | A health facility that practices without a license from Ministry of Health will be closed | Un établissement de santé qui opère sans License délivré par le Ministère de la santé sera fermer. |
| **<u>Ingingo 14</u>: Ubufatanyacyaha mu gukora umwuga wo kuvura** | **<u>Article 14</u>: Complicity in practice of health profession** | **<u>Article 14</u> : Complicité dans l'exercice de la profession de santé** |
| Nyiri Ikigo cy'ubuvuzi cyigenga ukora ibikorwa by'uburiganya cyangwa ubufatanyacyaha agambiriye kubeshya umurwayi ku byerekeranye n'ubuzima bwe, cyangwa mu bindi bikorwa | The owner of private health facility who contravenes a fraudulent acts or become complice with intention of lying a patient about his/her health status, or other operations | Le propriétaire d'un établissement de santé qui commet un acte frauduleux ou est complice d'un acte frauduleux avec intention de tromper au sujet de la santé d'un patient, dans les rapports |

| | | |
|---|---|---|
| by'abafatanyabikorwa b'icyo Kigo kirahagarikwa gukora kugeza igihe bigaragariye ko nyiri ikigo abaye umwere ku cyaha cy'uburiganya cyakorewe muri icyo Kigo cy'Ubuvuzi. | in a partner reports, his facility will be closed until proven innocent about the committed fraud into the private health facility | avec les partenaires ; Son établissement de santé sera suspendu jusqu'à ce que l'inculpé soit rendu innocent de ses actes. |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Gukorera umwuga wo kuvura ahantu hatemewe**<br><br>Nyirikigo Ukora umwuga wo kuvura, ukorera imirimo yo gusuzuma abarwayi no kubandikira imiti mu nyubako zigurishirizwamo imiti, ibikoresho n'ibindi byifashishwa mu kuvura, Nyirikigo cyangwa ugihagarariye azahabwa urwandiko rwo kumwihanangiriza. | **<u>Article 15</u>: Practicing a health profession in illegal premises**<br><br>The owner of a private health facility who carries out consultation and medical prescription activities within pharmacy or in premises where medical devices and appliances, the owner of responsible will be given a warning letter | **<u>Article 15</u> : Pratiquer une profession de la santé dans un lieu non admis**<br><br>Un propriétaire d'un établissement de santé Privé qui effectue des activités de consultation et de prescription médicale dans une pharmacie ou des locaux où des dispositifs et des appareils médicaux sont vendus, le propriétaire ou le responsable on lui donnera une lettre d'avertissement. |
| **<u>Ingingo ya 16:</u> Ubufatanyacyaha mu mwuga wo kuvura.**<br><br>Nyirikigo cy'ubuvuzi ukorana n'umukozi we gukora igikorwa kitemewe n'amategeko cyangwa igikorwa kinyuranyije n'imyitwarire y'umwuga wo kuvura cyangwa ukingira ikibaba udafite ubushobozi bwo gukora umwuga wo kuvura agamije ko adahanwa nk'uko amategeko abiteganya, ,Ivuriro rizafungwa ,n'umukozi ahagarikwe by'agateganyo mu kigo cy'ubuvuzi akoramo ashyikirizwe urugaga abarizwamo kugira ngo ahabwe ibihano bishingiye ku mwuga. | **<u>Article 16:</u> Complicity in practice of the health profession,**<br><br>The owner of the facility who collaborates with an employee in carrying out an illegal act or unethical practice of health profession or who exempts the employee in the practice of the health profession with intention to escape punishment as the law provides, his facility will be closed and the health professional will be handled to the professional council he or she belongs for professional sanctions. | **<u>Article 16</u> : Complicité dans la pratique de la profession de santé,**<br><br>Un propriétaire d'un établissement de santé qui collabore avec un employé dans l'exercice d'un acte illégal ou d'une pratique contraire à l'éthique de la profession de santé ou qui exempte l'employé dans la pratique de la profession de santé avec l'intention d'échapper à la sanction, son établissement sera fermé et le professionnel de santé sera remis au corps professionnel auquel il appartient, pour des sanctions professionnelles. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo 17: Gukora ibirenze ibyemewe**<br><br>Ikigo cy'ubuvuzi gikora ibirenze ibyo cyemerewe kizahagarikwa by'agateganyo mu gihe cy'amezi atandatu (6). | **Article 17: Operating beyond the scope of activities**<br><br>A health facility that operates beyond the scope of its activities, the health facility will be suspended for a period of six (6) months. | **Article 17 : Opérer au-delà du champ d'activités**<br><br>Un établissement de santé qui opère au-delà de son champ d'activités sera suspendu pour une période de six (6) mois. |
| **Ingingo 18: Gukoresha ukora umwuga wo kuvura udafite uruhushya**<br><br>Umukoresha ukoresha ukora umwuga wo kuvura udafite uruhushya rwo gukora umwuga wo kuvura, Umukoresha azihanangirizwa mu nyandiko; niyongera agawe. | **Article 18: Employing a health professional who does not have a licence**<br><br>An employer who employs a health professional who does not have a licence to practice the health profession, the employing will be given written warning and blame if there is repetition. | **Article 18 : Employer un professionnel de santé qui n'a pas de licence**<br><br>Un employeur qui emploie un professionnel de santé qui n'a pas de licence d'exercer la profession de santé, l'employeur sera averti par écrit ; et blâmer en cas de repetition. |
| **Ingingo 19: Gukora umwuga wo kuvura nta ruhushya**<br><br>Umukozi ukora umwuga wo kuvura nta ruhushya afite ahanishwa guhagarikwa mu kazi kugeza igihe aboneye uruhushya. | **Article 19: Practicing a health profession without a licence**<br><br>A health professional who practices the health profession without a licence will be suspended from duty until he/she obtains a licence. | **Article 19 : Exercer la profession de santé sans licence**<br><br>Un professionnel de santé qui exerce la profession de santé sans licence sera suspendu de ses fonctions jusqu'à ce qu'il/elle obtienne la licence. |
| **Ingingo 20: Kwimura ikigo cy'ubuvuzi cy'abikorera nta ruhushya**<br><br>Ikigo cy'ubuvuzi cy'abikorera kimuka nta ruhushya gihawe na Minisiteri y'Ubuzima kizahagarikwa by'agateganyo mu gihe cy'amezi atandatu (6). | **Article 20: Relocation of a private health facility without authorisation**<br><br>A private health facility that relocates without authorisation from Ministry of Health will be suspended for a period of six (6) months. | **Article 20 : Délocalisation d'un établissement de santé privé sans l'autorisation**<br><br>Un établissement de santé privé qui déménage sans l'autorisation du Ministère de la santé sera suspendu pour une période de six (6) mois. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo 21:</u> Gukoresha uburiganya**<br><br>Nyirikigo cy'ubuvuzi cyigenga ukoresha uburiganya agamije kwiba ibigo bifite ubwishingizi bw'Indwara mu Nshingano, Ikigo kizahagarikwa by'agateganyo mu gihe cy'amezi atandatu (6). | **<u>Ingingo 21:</u> To use fraudulent acts**<br><br>The owner of private health facilities who use fraudulent acts aiming at illegal benefits from institutions having insurance in its attributions, the private health facility will be suspended for a period of six (6) months. | **<u>Ingingo 21</u> : Pratiquer les actes frauduleux**<br><br>Un propriétaire d'un établissement de santé privé qui pratique les actes frauduleux dans le but de se procurer des avantages illégaux auprès des institutions ayant les assurances maladie dans leurs attributions, l'établissement de santé privée sera suspendu pour une période de six (6) mois. |
| Uzanyuranya cyangwa utazubahiriza ibiteganywa n'aya mabwiriza azafatirwa ibihano byo mu rwego rw'ubutugetsi hamwe/ cyangwa n'ibindi biteganywa n'andi mategeko. | Any person who contravenes the provisions of these instructions shall be sanctioned by the above administrative measures. | Toute personne qui contrevient aux dispositions de ces instructions doit être sanctionnée par des mesures administratives citées ci-hauts. |
| **UMUTWE WA IV: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA** | **CHAPTER IV: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE IV : DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES** |
| **<u>Ingingo 22</u>: Ivanwaho ry'amategeko**<br><br>Amabwiriza ya Minisitiri N° 20/0005 yo kuwa 06/12/2019 Agenga Amavuriro yigenga mu Rwanda n'izindi ngingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije nayo zivanyweho. | **<u>Article 22:</u> Repealing of inconsistent provisions.**<br><br>Ministerial Instruction N° 20/0005 of 06/12/2019 Governing Private Health facilities in Rwanda and all previous legal provisions contrary to these instructions are hereby repealed. | **<u>Article 22</u> : Disposition abrogatoire.**<br><br>Les Instructions Ministérielles N° 20/0005 du 06/12/2019 régissant les établissements de santé privés au Rwanda ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à ces instructions sont abrogées. |
| **<u>Ingingo ya 23:</u> Inzego zishizwe kubahiriza aya mabwiriza**<br>Abayobozi b'Uturere bafite inshingano zo gushyira mu bikorwa aya mabwiriza.<br><br>Minisiteri ifite uburenganzira bwo kugena | **<u>Article 23:</u> Authorities responsible for these instructions**<br>All District authorities are responsible for the enforcement of these instructions. | **<u>Article 23</u> : Autorité chargée de l'exécution des présentes instructions**<br>Toutes les autorités de district sont responsables de la mise en application de ces instructions.<br>Le Ministère a le pouvoir d'élaborer des |

| | | |
|---|---|---|
| ibisobanuro by'ibigo by'ubuvuzi byigenga ikanashyiraho amabwiriza agenga abakozi, ahantu, ibikoresho n'ibindi bisabwa by'ingenzi kugirango ivuriro rimere neza kandi ritange serivisi zinoze ku banyarwanda. | The Ministry has the authority to develop definitions of health facilities and develop standards for personnel, space, equipment and operational management and other requirements deemed appropriate to ensure the safety of the facilities and guarantee the facility provides basic qualify services for the people of Rwanda. | définitions des établissements de santé, des normes pour le personnel, l'espace, l'équipement et la gestion opérationnelle et d'autres exigences jugées appropriées pour assurer la sécurité et de garantir les services de qualité de base pour le peuple du Rwanda. |
| **<u>Ingingo ya 24:</u> Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa.**<br><br>Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi ashyiriweho umukono ariko akaba anareba amavuriro yose yigenga asanzwe akora umwuga w'ubuvuzi.<br><br>Kigali, ku wa 23 SEPT 2020<br><br>MINISTRY OF HEALTH<br><br>**Dr. NGAMIJE M. Daniel**<br>Minisitiri w'Ubuzima | **<u>Article 24</u>: Commencement**<br><br>These instructions shall come into force on the date on which they are signed but they are applied and produce their effects retroactively on the existing private health facilities.<br><br>Kigali, on 23 SEPT 2020<br><br>MINISTRY OF HEALTH<br><br>**Dr. NGAMIJE M. Daniel**<br>Minister of Health | **<u>Article 24</u> : Entrée en vigueur.**<br><br>Ces instructions entrent en vigueur à la date de leur signature mais ils produisent rétroactivement leurs effets à tous les établissements de santé privés existants.<br><br>Kigali le 23 SEPT 2020<br><br>MINISTRY OF HEALTH<br><br>**Dr. NGAMIJE M. Daniel**<br>Ministre de la Santé |